**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUSIZI**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi buramenyesha abantu bose babifitiye ubushobozi kandi bujuje ibisabwa ko bushaka gutanga akazi k'abakozi b'Akarere ku myanya 15 yo kwinjira mu rwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira:**

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba yabisabye ku bushake;
- Kuba afite imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo ndakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- Kuba afite impamyabumenyi byibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
- Kuba afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta.
- Yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO

**Ibigize dosiye isaba akazi:**

1. Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Rusizi ( www.rusizi.gov.rw)
2. Foto Kopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
3. Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n'inzego z'ibanze (Umurenge);
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe mu Rwanda
5. Fotokopi y'indangamuntu.

Dosiye yuzuye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze itariki 03/05/2025 saa kumi n'imwe z'umugoroba cyangwa inyujijwe kuri email y'Akarere: info@rusizi.gov.rw

Bikorewe i Rusizi kuwa 28/04/2025

SINDAYIHEBA Phanuel

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi